Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yo mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-09

ARASHAKISHWA – PHÉNÉAS MUNYARUGARAMA

Phénéas Munyarugarama yari afite ipeti rya Riyetona Koroneri mu ngabo z'u Rwanda ("FAR"). Hagati y'intangiriro z'umwaka wa 1993 n'itariki ya 14 Gicurasi 1994, ni we musirikare wari ufite ipeti ryo hejuru kurusha abandi mu karere ka Bugesera, Perefegitura ya Kigali-Ngari, ari na komanda w'ikigo cya gisirikare cya Gako.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	1 Mutarama 1948, Komine ya Kidaho, Perefegitura ya Ruhengeri, Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 13 Kamena 2012
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 4 Werurwe 2002

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Phénéas Munyarugarama yarezwe muri TPIR jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, byakorewe muri Perefegitura ya Kigali-Ngari mu Rwanda hagati ya Mata na Gicurasi 1994. Muri icyo gihe, Munyarugarama yari afite ipeti rya Riyetona Koroneri mu ngabo z'u Rwanda ni we musirikare wari ufite ipeti ryo hejuru kurusha abandi mu karere ka Bugesera, Perefegitura ya Kigali-Ngari, akaba na komanda w'ikigo cya gisirikare cya Gako.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko abarezerivisite bagera ku icumi bazanywe mu kigo cya Gako ku itariki ya 10 Mata 1994, aho ku mabwiriza ya Munyarugarama bahawe intwaro zivuye mu bubiko bw'intwaro bwo mu kigo cya Gako, kugira ngo bagirire nabi Abatutsi kandi babice. Hanavugwamo kandi ko abo barezerivisite baje gukoresha izo ntwaro, bagendeye ku mugambi no ku mabwiriza bya Munyarugarama, aboheje, abashishikaje kandi abateye

inkunga kugira ngo bagirire nabi cyangwa bice Abatutsi mu karere ka Bugesera, harimo no ku mabariyeri nk'iyo kuri santere ya Gahembe (Segiteri ya Maranyundo, Komine ya Kanzenze), kuri kiriziya ya Nyamata ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa hafi yayo no mu bikorwa byo guhiga Abatutsi muri Segiteri ya Maranyundo hagati y'itariki ya 15 n'iya 20 Mata 1994.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko, hagati y'itariki ya 10 Mata n'iya 15 Gicurasi 1994, abantu bagabaga ibitero barimo abasirikare benshi bo mu kigo cya Gako, abajandarume, Interahamwe n'abasivire b'Abahutu bitwaje imbunda, amagerenade n'imihoro, bagenderaga ku mugambi wa Munyarugarama no ku bindi bintu birimo amabwiriza ye, kuboshya, kubashishikaza no kubatera inkunga, bagabye igitero simusiga ku Batutsi babarirwaga mu bihumbi bari bahungiye ahantu hatandukanye harimo ibiro bya Komine ya Kanzenze muri Segiteri ya Nyamata, kiriziya gaturika ya Nyamata muri Segiteri ya Kanazi, Komine ya Kanzenze, kuri kiriziya gaturika ya Ntarama., Segiteri ya Ntarama, Komine ya Kanzenze, ku mashuri abanza ya Cyugaro no mu bishanga bya Ntarama. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko bamwe mu Batutsi babarirwa mu bihumbi bishwe bandi bagakomeretswa.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko, hagati y'itariki ya 8 Mata 1994 n'iya 15 Mata 1994, Munyarugarama, afatanyije n'abandi bantu, yohereje abasirikare bo mu kigo cya Gako, ndetse n'Interahamwe n'abasivire b'Abahutu mu bihe bimwe, gukomeretsa no kwica Abatutsi bari bahungiye ahantu hatandukanye mu karere ka Bugesera, hamwe muri aho akaba ari mu mugi wa Nyamata, mu kabare kamwe ko kuri santere y'ubucuruzi ya Gahembe muri Segiteri ya Muyange, ku Ishuri ry'ubumenyi n'ubuhinzi ryari muri Segiteri ya Mwendo, ku gasozi ka Kayumba, ku gasozi ka Rebero, ku biro bya Superefe wa Nyamata no ku bitaro bya Nyamata, kugira ngo basahure imitungo y'Abatutsi.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 2)

Ikirego kimwe cyo Guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside (Ikirego cya 3)

Ibirego bine by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)
- Ubuhotozi (Ikirego cya 5)
- Gutoteza (Ikirego cya 6)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 7)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 28 Kamena 2012, Urugereko rwa TPIR rwaburanishije ibyerekeranye no kwimura urubanza rwa Phénéas Munyarugarama rwategetse ko urubanza rwimurirwa muri Repubulika y'u Rwanda.

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi,Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Munyarugarama n'itegeko ryo kumwimura risaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Icyemezo 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, giteganya ko ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na MICT gushakisha abaregwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza MICT.